ISHURI RITO RYA BIBILIYA

Abacamanza, Rusi

Samweli wa Mbere n'uwa Kabiri

Agatabo ka #3

Igitabo cy'Abacamanza

Igice cya 1

Akababaro Gaterwa no Gutera Imana Umugongo

Igitabo cy'Abacamanza kivuga igihe cy'imyaka magana ane y'amateka y'Ababeburayo. Interuro itangira muri iki gitabo cy'Abacamanza ivuga ku rupfu rwa Yosuwa n'ibura ry'ubuyobozi ryakurikiye gupfa kwe. Yosuwa ntiyashoboye gutegura umuyobozi uzamusimbura. Hari ukuntu igitabo cy'Abacamanza gisobanura uburyo Abisirayeli bazimiye babitewe n'uko Yosuwa yananiwe gutegura umuyobozi. Mu gitabo cyose cy'Abacamanza, tuzabona ko aba bacamanza bose bananiwe gutoza abayobozi bazabasimbura bagakomezanya iyerekwa ryabo ry'ukuntu ubwoko bw'Imana buyoborwa.

Umurongo w'ingenzi mu gitabo cy'Abacamanza utubwira ko nta mwami wari uhari muri Isirayeli mu gihe runaka cy'amateka kandi "*Umuntu wese yakoraga icyo ashatse.*"

(Abacamanza 17:5-7) Abanyeshuli ba Bibiliya benshi bizera ko Samweli ari we wanditse igitabo cy'Abacamanza, birashoboka cyane ko uwanditse iki gitabo yacyanditse arebera mu bihe by'inyuma, ibihe by'Abami. Igihe cy'Abacamanza bategeka cyari igihe cy'umwijima mu mateka y'Abaheburayo mbere y'uko Isirayeli igira Umwami. Ubutumwa dukura muri iki gitabo cy'Abacamanza bujyanye n'ikibazo cyitwa "Gutera Imana umugongo." Rimwe na rimwe iryo jambo rivuze "kugwa" uva mu kwizera. Mu gice gisoza cy'iki gitabo cya Yosuwa, ubwoko bw'Abisirayeli biyemeje ndetse barahira indahiro y'isezerano. Yosuwa yarababwiye ati: "Mugomba guhitamo ku bwanyu n'inzu, ariko jye n'inzu yanjye tuzakorera Uwiteka." Bahise bahigira Imana na Yisuwa bati: "Duhisemo gushyira Imana imbere. Duhisemo gukorera no kumvira Imana." Bahisemo gukorera Uwiteka, bahagarara kuri iryo sezerano bo n'imiryango yabo. Dore icyo gutera Imana umugongo ari cyo: ugafata icyemezo nk'uko ubwoko bw'Abisirayeli babikoze, maze nyuma ukabivamo cyangwa ukareka isezerano no kwiyemeza wagiranye n'Imana.

Uruhererekane Rwo Gutera Imana Umugongo

Mu gitabo cy'Abacamanza tubona uruhererekane rwo gutera Imana umugongo rw'ubwoko bw'Abisirayeli banyuramo incuro zirindwi mu myaka irengaho gake magana ane. Utekereje ku ishusho y'isaha, uru ruziga rwo gutera Imana umugongo rutangirana n'urushinge rureba kuri saa sita z'amanywa. Ibyo bigaragaza ubwoko bw'Abisirayeli iyo Imana ari iya mbere muri bo maze bakaba bagenda neza imbere yayo. Saa saba z'amanywa, ubwoko bw'Abisirayeli, bareka isezerano bagiranye n'Imana. Saa munane zuzuye habayeho kwangirika kw'indangagaciro byakurikiwe n'iyangirika rya politiki saa cyenda zuzuye. Saa kumi, umwanzi. Igihe urushinge rw'isaha rwerekeje kuri saa kumi n'ebyiri,

ubwoko bw'Abisirayeli bari babaye abarebwa b'uwabatsinze.

Mu gihe urushinge rwerekeza mu rundi ruhande, saa moya zuzuye hari ububyutse bwo mu mwuka. Ubwoko bw'Imana buririra Imana ngo ibabarire. Saa mbiri zuzuye Imana ihagurutsa umuyobozi yahamageye

Igihe Yesu yageragezwaga mu butayu, yahizwe gusimbuka ku gasongero k'urusengero akikubita hasi. Abamarayika nibamuramira, umuntu wese azamenya ko ari umwana w'Imana. Ariko Yesu yaravuze ati: "*Biranditse ngo, ntukagerageze Imana yawe*." Tuza ku Mana mu kwizera. Hazabaho ibihe ubwo Imana izatugerageza uko birikose, nta burenganzira dufite bwo kugerageza Imana.

Iyo utangiye urugendo rwawe rwo mu mwuka, ni nk'aho uba winjiye "kaminuza y'Imana yo kwizera." Nta burenganzira uba ufite bwo kugerageza Imana. Ariko Imana ifite uburenganzira bwo kukugerageza. Yaguha "yaguha ikizamini mu buryo butunguranye" ndetse n'ibizamini bikomeye mu gihe runaka, ariko nta na rimwe ugira uburenganzira, ugomba kwizera ariko na none ukeneye igihamya. Ibyo ntibisa nko kugerageza Imana kuko utayizera.

Imana yongeye guhamya kwizera kwa Gidiyoni mu bundi buryo. Mbere y'uko bajya gutera Abamidiyani, bari bacumbitse mu kibaya cya Esidarayoni, Imana ibwira Gidiyoni kumanuka mu rugerero rw'Abamidiyani. Nuko Gidiyoni agezeyo yumva umuntu arotorera mugenzi we inzozi ati: "*Umva ye, narose inzozi mbona irobe rya sayiri ritembagara mu rugerero rw'Abamidiyani ryikubita ku ihema riherako rigwa rigaramye.*" Mugenzi we aramusubiza ati: "*Nta kindi, iyo ni inkota ya Gidiyoni mwene Yowasi umugabo wo mu Abisirayeli. Imana yamugabije Abamidiyani n'ingabo zabo zose.*"(Abacamanza7: 12-14)

Nuko Gidiyoni yumvise izo nzozi zisobanutse ashima Imana, asubira mu ngando z'Abisirayeli arababwira ati: "*Nimuhaguruke kuko ingabo z'abamidiyani Uwiteka yazitugabije*." Ese Imana yaba iri gukuza umurimo wo kwizera muri wowe? Ese birashoboka ko Imana ishaka gukora umurimo ukomeye inyuze muri wowe ariko ukaba utayegereye bihagije kugirango ubimenye?

Mbere y'uko Imana ikoresha Gidiyoni kubika Abamidiyani, tubona Imana yiyereka Gidiyoni mu buryo bwinshi butangaje kandi tubona Imana yemeza ukwizera kwa Gidiyoni. Ikintu cyahize cyane kwizera kwa Gidiyoni ni igihe Imana yasabye gutamaba ikimasa gihinga gihenze cyane cya se. ise wa Gidiyoni yari umubyeyi wari waravuye ku Mana. yubakiye bayali igicaniro, ikigirwamana. Imana ibwira Gidiyoni gufata ikimasa cyiza cya se (muri iki gihe twavuga n'ikimodoka gihenze gikora imihanda kigura ibimbi mirongo irindwi n'abitanu by'amadolari), akagikurura akakijyana mu gicaniro maze akacyururutsa. Nuko rero, abwira Gidiyoni gufata ikigirwamana cya se akibage maze acane umuriro wo azagitambiraho nk'igitambo cyokejwe ku Mana.

Uko kwari uguhigwa gukomeye. Incuro nyinshi mu butumwa bwiza, Yesu yaravuze ati: "Nimudashaka kunshyira imbere, imbere ya so, ubwo ntimuba munkwiriye. "Yesu aduhigira kumushyira imbere, hejeru ya aba data na aba mama. Icyo ni cyo Imana yari irimo gusaba Gidiyoni gukora igihe yamutegekaga gusenya ibigirwamana bya se muri ubu buryo.

Gidiyoni yubashye itegeko ry'Imana akantu ku kandi. Igitondo gikurikiyeho' abaturage babonye ibyabaye ku gicaniro cyabo n'ikigirwamana cyabo, barabaza bati: "Ni nde wakoze ibi?" barasubiza bati ngo "Ni Gidiyoni wabikoze" bashakaga kwica Gidiyoni yakundaga umuhungu we, yasubije

ba baturage ati "Ni mwe mukwiye kwicwa kubwo guhemukira Bayali kubera ko niba ari imana, niyirwaneho." Uwo munsi Gidiyoni yahawe agatazirano Yerubi-Bayali, bivuze ngo "Reka Bayali yisobanure."

Imana yongeye kwiyereka Gidiyoni igihe yamubwiraga kugabanya ingabo ze. Gidiyoni yari ayoboye ingabo ibihumbi mirongo itatu na bibiri zari zigiye gutera Abamidiyani. Bari mu nzira bagenda, Imana ibwira Gidiyoni ati "Gidiyoni, ufite abantu benshi cyane." Imana ntiyashakaga ko Gidiyoni atakereza ko intsinzi ye itewe n'umubare w'ingabo ze. Imana imutegeka gusubizayo uwari ufite ubwoba wese.

Ese wibuka , mu Gutegeka kwa kabiri, Mose yandika itegeko ryategekaga uku guhigwa igihe ingabo za Isirayeli zabazaga zigiye ku rugamba rukomeye? Ingabo zabaga zifite ubwoba, izabaga zarasabye, n'izabaga zarateye imizabibu zikaba zikaba zitarasarura, zasubizwaga imuhira. (Gutegeka kwa Kabiri 20:1-8). Gidiyoni abwiye abafite ubwoba kugenda, ingabo ibhumbi makumyabiri na bibiri byasubiye mu rugo.

Akomezanya n'ingabo ibihumbi icumi iramubwira iti: "Gidiyoni ufite abantu benshi cyane." Yari izi ko Gidiyoni yari bushyire intsinzi ku mubare w'ingabo afite. Imana ibwira Gidiyoni kureka ingabo zikanywera amazi ku mugezi maze agatandukanya abazanywesha umunwa n'abazanywesha amashyi. Ibihumbi icyenda na Magana arindwi banywesha umunwa, maze Imana iravuga iti: "babwire basubire mu rugo, ntabwo bakenewe! Nzakoresha abo Magana atatu banywesheje amashyi, kubagabiza Abamidiyani mu maboko yanyu."(Abacamanza7:5-7)

Uwo mubare uri munsi ya rimwe ku ijana w'uwo Gidiyoni yatangiranye. Imana ikeneye itsinda rito ry'abakozi biyemeje burundu. Imana yongeye kugerageza kwizera kwa

Gidiyoni mu igenamigambi ry'urugamaba yatsindishije Abamidiyani. Intsinzi ya Gidiyoni yamusabye kwizera gukomeye, ishyaka ryinshi n'igena migambi ryiza, abamidiyani bari bakambitse mu kibaya cy'umwijima mwinshi. Imana ibwira Gidiyoni gufata ingabo ze Magana atatu, akazigabanyamo amatsinda atatu agizwe n'ingabo ijana buri tsinda maze abashyira ahantu: amajyaruguru, iburasirazuba ryingabo z'Abamidiyani. Gidiyoni yahawe amabwiriza asobanutse, ayabwwira ingabo ze.

Iri ni isomo ryiza mu buyobozi igihe Gidiyoni yavugaga atya: "Mundebe…mukurikire...mukore neza ibyo nkora."(7:17) Ubwo nibwo busobanuro bw'ubuyobozi nyabwo. Aba bagabo bose bagombye kwiyegurira Imana na Gidiyoni. Mu kuboko kwabo kw'ibumoso, bari bafite ijagi itwikiriye itoroshi. Mu kuboko kw'iburyo bari bafite impanda. Igihe Gidiyoni yatanze ikivugirizo, bamena ya majagi yari atwikiriye amatoroshi yabo, maze bamurika amatoroshi ijana. Hanyuma bavuza na za mpanda ijana. Barasakuza bati: "Inkota y'Uwiteka niya Gidiyoni!" ibi byabereye mu bice bitatu bitandukanye.

Iyo uza kuba uri umumidiyani, uryamye hasi mu mwijima mwinshi, ni iki watekereza mu gihe ubyutse ukumva amajagi ijana arimo kumenwa ukabona n'amatoroshi ukumva amahembe amahembe ijana avuga ndtse n'abagabo ijana basakuriza mu majyaruguru y'inkambi urimo? Hanyuma, ibindi nk'ibyo bikabera mu burasirazuba bwawe n'ibindi bikabera mu burengerazuba bw'aho ukambitse? Yenda watekereza ko ingabo zikomeye za Gidiyoni zakuzengurutse.

Ni koko Abamidiyani batekereje ko bari bagoswe bahagarika imitima maze mu mwijima batangira kwicana. Ingabo za Gidiyoni zibirukana muri icyo kibaya nk'umukumbi w'inka. Maze abari bavuye mu ngabo za

Agatabo #3: Abacamanza- II Samuel

Gidiyoni baragaruka mu rugamba. Abari basubiye mu rugo baragaruka maze bafatanya krimbura Abamidiyani.

Umurongo usobanura iyi ntsinzi uduha ubusobanuro bw'aba Magana atatu: "Buri muntu yahageze mu mwanya we bagota inkambi yose maze ingabo zose (z'abamidiyani)ziriruka, zirarira ziranahunga." (7:21) Iyo abo Magana atatu batamurika amatoroshi yabo ntibavuze impanda zabo ntibanasakurize icyarimwe, igenamigambi ry'urugamba ryari kuba ripfuye kandi bari bwicwe n'abamidiyani.

Iyo ni ishusho nziza cyane y'itorero rya Yesu Christo muri iki gihe. Kristo wazutse ntakeneye abayoboke ibihumbi batamaraje. Akeruye intumwa nke zimaramaje buri umwe uzagaragara mu mwanya. Iyaba Imana yadushyiraga mu myanya yacu maze maze tugakoresha impano zose z'umwuka yaduhaye ahantu aho ari hose izo mpano zidushyira tukamaramaza ijana ku ijana gukoresha Yesu kristo, twarandura imfatiro z'ikuzimu.

Wibuke ko umurongo w'ingenzi w'ingenzi ufungura ukuri kuri mu bitabo by'amateka byo mu Isezerano ry a kera usangwa mu Isezerano rishya. Intumwa Pawulo atubwira kureba ingero n'imbuzimu gihe dusoma amateka y'abaheburayo (1Abakorinto10:11). Mu gitabo cy'abacamanza imbuzi zikomeza kuvuga ku ngaruka zitangaje zo gutera Imana umugongo.

Izo ngero twazisanga mu buzima bw'abacamanza. Hari n'abandi nka samusoni uri imbuzi akaba n'urugero. Byombi ujye ubireba mu buzima bwe. Ingero zose z'aba yishimira gukoresha abantu boroheje cyane ibihambaye cyane ku bw'icyubahiro cyayo. Iyo tumenye uko kuri tumenya ko ubushobozi bwacu buhambaye ari ukuboneka kwacu imbere y'Imana n'icyo irimo kuduhamagara gukora.

IGITABO CYA RUSI

Igice cya 4

Ubwiza bwo Gucungurwa

Dukomeza kwiga ibitabo by'amateka byo mu Isezerano rya Kera, Nyuma yo kwiga ibitabo bya Yosuwa n'Abacamanza, ubu noneho tugeze ku gitabo cya Rusi ni inkuru nziza y'urukundo yabaye "mu bihe abacamanza bategekaga."

Iyi nkuru y'urukundo ni indorerwamo y'agakiza n'umubano wacu n'umwami wacu Yesu Kristo. Ibyanditswe byo mu isezerano rya kera n'irishya bitubwira ko twarambagijwe na we. Ni umukwe natwe, itorero, turi "umugeni" we. Igitabo cya Rusi kigaragaza uyu mubano nk'ubwiza bwo gucungrwa."

Bibiliya iduha iyi nkuru nziza y'urukundo: "Mu minsi y'abacamanza inzara yarateye mu gihugu. Nuko umugabo w'I Betelehemu y'I Buyuda asuhukira mu gihugu cy'I Mowabu, we n'umugore we n'abahungu be bombi. Uwo mugabo yitwaga Elimeleki, umugore we yitwaga Nawomi n'abahungu be bombi umwe yitwaga Mahaloni undi yitwaga kiliyoni. Bari Abanyefurata b'I Betelehemu y'I Buyuda. Bagera mu gihugu cy'I Mowabu baturayo. Elimeleki umugabo wa Nawomi arapfa asigarana n'abahungu be bombi. Barongora Abamowabukazi, umwe yitwaga Orupa, undi yitwaga Rusi, bamarayo imyaka nk'icumi. Maze Mahaloni na Kiliyoni barapfa. Uwo mugore yapfushije umugabo we n'Abana be bombi:(Rusi1:1-5).

Elimeleki, Nawomi n'abahungu babo babiri bagiye mu gihugu cya kure maze bahagirira ibihe bikomeye. Igihugu cy'I Mowabu ni ikimeneyetso kibi ku bayuda kibabera nk'igihugu cya kure cy'umwana w'ikirara. Inkuru y'uyu muryangow'ikirara wari mu gihugu cy'I Mowabu, abana babo bombi barapfuye. Elimeleki nawe yarapfuye. Nawomi ni we wenyine warokotse muri uyu

muryango wari warashakiye I Mowabu bahunze inzara yari yateye I Betelehemu y'I Buyuda.

Twibanze kuri Nawomi, tubona ibintu bisa n'ibyo tubona mu nkuru z'ibirara. Igihe N Naomi yari mu gihugu cya kure cy'I Mowabu ibintu byaramukomereye cyane. Mbere y'uko abahungu be babiri bapfa barongoye Abamowabukazi, kikaba cyari kibujijwe. None ubu nta mugabo afite, nta bahungu be, asigaranye n'abakazana be babiri.

Inkuru irakomeza: "Bukeye ahagurukana n'abakazana be kugira ngo ave mu gihugu cy'I Mowabu, asubira iwabo kuko yari yumviye mu gihugu cy'i Mowabu y'uko uwiteka yagendereye ubwoko bwe, akabaha ibyo kurya."(Rusi 1:6) Ibyo biba kuri buri kirara. Mu gihe bari mu gihugu cya kure, bakumva ko mu nzu ya se bimeze neza.

"Ava ahonyarari hamwe n'abakazana be bombi, aboneza inzira asubira mu gihugu cya Yuda."(Rusi 1:7) uku kwari ugutahuka k'umukobwa w'ikirara. Mbere y'uko, Nawomi yahindukiye abakazana be arababwira ati: "Nimugende musubire mu mazu ya ba nyoko, Uwiteka abagirire neza nk'uko mwayigiriye ba nyakwimazu. Ariko Rusi amubaho akaramata.

Nawomi aravuga ati: "Dore muka mugabo wanyu asubiye mu bwoko bwabo no ku mana ye, nawe usubireyo ukurikire muka mugabo wanyu." Aha niho Rusi abera izingiro ry'iki gitabo cy'amwitiriwe kandi niho tubona umuntu w'ingenzi w'iyi nkuru nziza y'urukundo. Rusi aramubwira ati: "winyinginga kugusiga, no gusubirayo ngo ne kugukurikira, kuko aho azajya ari ho azajya, kandi aho uzarara niho nzarara, ubwoko bwawe ni bwo buzaba ubwoko bwanjye, Imana yawe ni yo izaba Imana yanjye, aho uzagwa niho nzagwa bahampambe. Nihagera ikizantandukanya nawe Atari urupfu,

Uwiteka azabimpore, ndetse bikabije.”(Rusi 1:16-18).

Rusi yagaragaje urugero rugaragara rwo kuganduka igihe yagiraga iyi ndahiro yo kumaramaza kugumana na Nawomi. Iyi mirongo ibiri igaragaza urugero rwiza rw’indahiro z’ubukwe zigaragaza ukumaramaza kwagombye kuba hagati y’umugore n’umugabo. Iyo ushakanye n’umuntu, umaramariza kujya aho azajya no kuba aho azaba. Ushobora gutekereza ko utashatse umuryango, ariko nyuma y’imyaka mike, ugahishura koi y ushaka wari kuvuga utya: “ubwoko bwawe buzaba ubwanjye,” bitaba ibyo ukaba ugiye kugira umubano wuzuye impagarara hamwe n’uwo mwashakanye.

Igice cy’ingenzi cyo kumaramaza ni “Imana yawe niyo izaba Imana yanjye.” Niba mudafite Imana imwe, ubwo ntimuba mufite umusingi muhuriraho w’indangagaciro zanyu. Iyo ni imwe mu mpamvu zinshako cg ingo zisenyuka. Iyo abashakanye badafite indangagaciro zimwe bagira ibibazo. Iyo batekereje ku kuntu bagiye kubana ubuzima bwabo mu buryo bw’igihe, bw’amafaranga yabo n’imbaraga zabo, ntibazigera bagira icyo bemeranywaho. Umusingi uha abashakanye imitekerereze imwe ninugushobora kuvuga: “Imana yawe ni yo Mana yanjye.” Iyo ndangagaciro zawe uzikura mu mubano wawe n’Imana, mugira indangagaciro zihuye.

Umurongo wa nyuma n’igice cya mbere uravuga uti: “Nuko Nawomi agarukana na Rusi umumowabukazi umukazana we, baturutse mu gihugu cy’I Mowabu, bagera I Betelehemu batangiye gusarura sayiri.” Kuba hari mu ntangiriro z’umusaruro wa sayiri igihe bagarukaga I Betelehemu ni ingenzi cyane. Aba bagore babiri baza I Betelehemu, Nawomi yari ishusho y’umwana w’Imana ugarutse iwabo. Ubuntu bw’Imana bwari aho batugereje kumwakira nk’uko, ise yiruka

agiye kumusanganira, kumuhobera no kwemera umuhungu w'ikirara(Luka 15:20)

Muri iyi nkuru, Rusi ahagararira abo bantu batari mu muryango w'Imana. Rusi ntiyari umuheburayokazi. Yari umunyamahangakazi. Ese Imana yaba igirira Ubuntu na buke umutu utabarizwa mu muryango w'Imana? Yego irabikora. Ubuntu bukiza, bwatugezeho igihe twari abanyamahanga, ni ko twese twaje mu muryango w'Imana. Nk'uko tuzabibona, Ubuntu bw'Imana kuri Nawomi na Rusi buzabonwa mu mategeko yayo.

Itegeko rya mbere ry'Imana ryahaye Ubuntu Rusi na Nawomi ribonwa mu balewi 19:9-10. Iri tegeko, ritwa tegeko ryo gosoroma ribwira abasaruzi kudatoragura imyaka bataye hasi mu buryo butunguranye; ku munsi wa mbere Rusi akigera i Betelehemu yafashe icyemezo cyo gutoragura mu mirima. Dusoma ibi: "nuko Nawomi yari afte mwene wabo w'umugabo we, umuntu ukomeye w'umutunzi wo mu muryango wa Elimeleki, witwaga Bowazi.

Rusi umumowabukazi abwira Nawomi ati: "Reka njye mu mirima mpumbe imyaka, nkurikiye uwo ndi bugirireho umugisha! Aramusubiza ati: "Genda mukobwa wanjye." Aragenda ahumba mu mirima akurikiye abasaruzi. Umurima yagezemo wari uwa Bowazi wo mu muryango wa Elimeleki, yari atabizi."(Rusi 2:2-4)

Irindi tegeko rya Mose ni amateka y'ingenzi adufasha dusobanukirwa impamvu iyi nkuru y'urukundo iri muri Bibiliya. Iryo ni itegeko riri mu gutegeka kwa kabiri igice cya 25, ryitwa "Itegeko ry'umucunguzi w'umuvandimwe." Iri tegeko rivuga ko umuvandimwe umwe napfa adasize impfubyi y'umuhungu, umugore w'uwapfuye ntazashyingurwe ahandi hatari muri bene wabo b'umugabo we, ahubwo umugabo wabo amucyure, amuhungure. Uwo mugabo we nadakunda guhungura umugore wabo, uwo

mugore ajye mu marembo y'umudugudu abwire abakuru. Nadakurwa ku ijambo, umugore wabo amwegereye imbere yabo bakuru, amukweture inkweto amucire mu maso. Izina rye rizahore rivugwa ritya mu Bisirayeli ngo: "Inzu y'uwakwetuye." Byari urukozasoni kwitwa utyo mu muco w'abisirayeli.

Kuva Rusi yarashakanye n'umuheburayo, nkumusaruro w'uwo rushako, yazanywe mu muryango w'Imana, mu gihugu cy'Abaheburayo. Igihe umugabo we yapfaga nta mwana bari barabyaranye, ubwo rero Rusi ntiyari akiri uwo mu muryango w'Imana. Itegeko ryavugaga ko yagomabaga kujya ku muvandimwe w'umugabo we wapfuye, akamusaba ko amushaka. Yakwanga akajya kumurega. Yakwanga kuva ku izima, abakuru bagakora imihango yasobanuwe mu itegeko ry'umucunguzi w'umuvandimwe.

Umugabo wemeraga gushaka uwo mugore yamukoreraga ibintu bibiri. Icya mbere, yamwishyuriraga imyenda yose yari afite. Icya kabiri uwo mucunguzi yakoraga kwari ukumushaka. Gusubizaho umubano w'umushako nawe byamugaruraga mu muryango w'Imana. Ibyo nibyo byari ibyiringiro bya rusi ubwo yasubiraga I Betelehemu u'I Buyuda. Ni yo mpamvu igice cya kabiri gitangirana n'inkuru ishimishije ko sebukwe wa Rusi wapfuye yari afite umuvandimwe wari umukire ukomeye witwaga Bowazi. Iyi nkuru y'urukundo ikomeza ishusho y'ubuntu bw'Imana ku muhungu w'ikirara wari urimo kugaruka iwabo, ndetse n'ubuntu bw'Imana ku muntu uyisanze ashaka gucungurwa.

Igice cya 5

Gukunda ukibona umuntu

Iyi nkuru ya Rusi yabaye mu gihe ubwo abacamanza bategekaga mu myaka y'umwijima yo mu mwuka mu mateka y'Abaheburayo. Ubwiza busobanurwa muri iki gitabo cya Rusi ni ishusho nziza y'agakiza no gucungurwa kwacu. Rusi, umukazana w'umumowabukazi ni ishusho y'umuntu

utabarizwa mu muryango w'Imana. Tubona Imana imwereka urukundo n'ubuntu bwayo mu gucungurwa gusobanurwa mu itegeko ry'Imana.

Rusi yagiye guhumba mu murima wa Bowazi. Uwo munsi Bowazi aje ku murimo abona Rusi kandi birasa nk'aho ubwiza bwa Rusi bwamukuruye abaza abaja be ati: "Uyu mukobwa ni uwa nde?" Yari yamukunze biragaragara. Izina rya Rusi rivuze "Ubwiza." Umuja we amubwira uburyo yari yarashakanye n'Umuheburayo i Mowabu agapfa, ndetse n'uburyo yagaragarije nyirabukwe kuganduka. Yabwiye Bowazi ko Rusi yakijijwe igihe yari yarashakanye n'umugabo we w'Umuheburayo.

Bowazi abwira Rusi kuguma mu murima we aho azabasha kumurinda. Yabigaragarije Rusi ko amwitayeho. Ku murongo wa cumi, dusoma ibi: "Rusi yikubita hasi yubamye aramubaza ati: '"Ni iki gitumye nkugiriraho umugisha, ko unyitayeho kandi ndi umunyamahanga?"'(Rusi 2:9-11) Ijambo Ubuntu bivuze "igikundiro n'imigisha by'Imana tudakwiye." Bowazi amubwira ko yamenye ibyo yagiriye Nawomi n'iby'urupfu rw'umugabo we. Yamubwiye kandi ko yamenye ko yaje kugirango yizere Imana ya Isirayeli.

Aramubwira ati: "Nkugiriyeho umugisha databuja." Igihe cyo kurya kigeze, Bowazi amusaba kuza gusangira na we, nuko aragenda ararya, arahaga, arasigaza. Ahagurutse guhumba, Bowazi atageka ko bamureka agahumba no hagati y'imiba. Bowazi yari yakunze Rusi.

Bigana Mu Kindi Cyerekezo

Igice cya kabiri cya Rusi kirangira kitubwira ko Rusi yahumbye mu mirima ya Bowazi mu bihe bibiri by'isarura. Ibyo bivuze ko yasubiyemo imihango y'igice cya mbere mu gihe cy'Amezi atandatatu. Igice cya gatatu gitangira gitya: "Nawomi

nyirabukwe wa Rusi, abwira Rusi ati: “Mukobwa wanjye, sinagushakira uburuhukiro kugirango ugubwe neza? Ntihariho Bowazi mwene wacu, wabanaga n’abaja be? Dore iri joro aragosoreza Sayiri ku mbuga bahuriraho. Nuko wiyuhagire wihezure, wambare umanuke ujye ku mbuga, ariko ntumwimenyetseho atararangiza kurya no kunywa…” Nawomi yari arimo kubwira Rusi kujya gusaba Bowazi kumubera umucunguzi.

Nyuma yo kugosoza habayeho umunsi mukuru. Nawomi abwira Rusi kujya kureba aho Bowazi aryamye. Nawomi aramubwira ati: “umwegere umworosore ibirenge bye uryame, hanyuma umusabe kukubera umucunguzi.” Uko ntikwari kukiri uguhendahenda ko gucungurwa gusa ahubwo byari bigiye mu kindi cyerekezo. Muri uwo muco Bowazi ntiyashoboraga gusaba Rusi. Ahubwo ni we wagombaga kumusaba. Hari hariho abacunguzi benshi b’umugabo we wari warapfuye. Nk’uko itegeko ryavugaga, Rusi yagombaga kujya kuri umwe muri bo maze akamusaba kumubera umucunguzi. Icyo Bowazi yagombaga gukora kwari ukumugaragariza ibikorwa by’urukundo kugirango amwereke ko kumubera umucunguzi byamunezeza. Ibyo Rusi yakoze mu gice cya gatatu byari bikwiye cyane. Kwari ukumusaba kuzabana. Dusoma ko nijoro mu gicuku Rusi yagiye akaryama ku birenge bya Bowazi. Bowazi yagize ubwoba asanze umugore aho. Yaramubajije ati: “Uri nde?” aramusubiza ati: “Ndi Rusi umuja wawe. Worose umuja wawe umwambaro wawe kuko uri umucunguzi wacu.”(Rusi3: 8-10) Bowazi aramubwira ati: “Uhiriwe ku Uwiteka mukobwa wanjye, ineza werekanye none iruta iyo werekanye ubwa mbere, kuko utashatse abasore baba abakene cyangwa abatunzi. None mukobwa wanjye witinya, ndakugirira ibyo uvuze byose, kuko abanyarukiko bose b’ubwoko bwanjye bazi y’uko uri umugore utunganye.”(Rusi3:10-12). Bowazi aha Rusi imyāka ihagije myinshi yabasha kwikorera amubwira gusanga nyirabukwe.

Agatabo #3: Abacamanza- II Samuel

UBWIZA BWO GUCUNGURWA.

Twabonye abakunzi bacu babiri bahura, bakundana hanyuma bagasabana kubana. Ku bw'itegeko ry'Ababeburayo ryo mu Isezerano rya Kera, twabonye ko umugore ari we ubisaba umugabo. Iyo abikoze umukunzi we areba ibisabwa byose birebana na byo. Mu ntangiriro y'igice cya kane cy'iki gitabo, tubona Bowazi atumiza abakuru kugirango anyure mu mategeko.

Mu gitondo cya kare cyane nyuma y'uko Rusi amusabye kumubera umucunguzi, Bowazi abona umucunguzi wari hafi ya Rusi kumurusha maze amubwira iby'ubutaka bwa Elimeleki bwari bukeneye gucungurwa. Wa mugabo yemera kubucungura kubera ko yari umumowabukazi, ariko ntiyongeye gushaka kubucungura kubera ko byari "bwanduze umurage we". Maze Bowazi abwira abakuru bari aho ko agiye gucungura Rusi mu buryo bwo kumushaka, umumowabukazi wari umukazana w'umupfakazi wa Elimeleki.

Gucungura bivuze "kugarura". Bowazi yacunguye Rusi mu buryo bubiri, icya mbere yaramuguze ubwo yamwishyuriraga imyenda ye yose. Hanyuma asubizaho umubano na we, ari wo wamugaruye mu muryango w'Imana.

Mu gice cya gatanu cy'Ibyahishuwe harimo indi nkuru y'ishusho nziza yo gucungurwa. Mu ijuru hari harimo amarira kuko nta mucunguzi wari wabonetse wo kuza kumena ibimeneyetso bifatanishije igitabo ngo acungure umuntu. Maze abo bariraga mu ijuru babwirwa ko batagomba kurira kuko umucunguzi yabonetse ukwiriye kandi ufite ubushake bwo kubacungura. Uwo mucunguzi ni Yesu Kristo.

Ni ibihe byiringiro byacu byo gucungurwa mu gihe tumenye ko tugomba gucungurwa? Ibyiringiro byacu byonyine byo gucungurwa bishingiye ku kwizera kwacu urupfu no kuzuka bya Yesu Kristo. Urupfu rwa kristo ni cyo cyari ikiguzi cyagombaga kwishyurwa kugirango bitugarure mu muryango w'Imana.

Kuzuka kwa Yesu kristo bivuze ko bidushobokera gushyiraho umubano n'uwazutse, Kristo muzima, wasanishijwe n'umubano w'urushako uri mu isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya. Uwo mubano utugarura mu busabane n'Imana, ukemeza abo turi bo nk'abana b'Imana ndetse akatugarura mu muryango w'Imana.

Mu Itangiriro, Imana n'umuntu bari bafitanye umubano utunganye ushobora kugereranywa nk'uko wahuza ibiganza byawe. Mu Itangiriro hatubwira ko Imana yaremye umuntu imugira ikiremwa cy'amahitamo maze umuntu ahitamo gutera Imana umugongo, ibi byagrereranywa, nk'ukuntu watandukanya ibiganza byawe maze bigaterana umugongo. Inkuru nziza ni uko Imana yakunze umuntu binyuze mu rupfu rwa Yesu Kristo ku musaraba, bigereranywa no kongera guhuza ibiganza byawe nanone. Petero yanditse ko tutacungujwe n'ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo twacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi ya Yesu kristo (I Petero 1:18-19).

Ariko icyo ni igice gusa cy'igitangaza cyo gucungurwa. Gushakana hagati ya Bowazi na Rusi bitwereka urwego rwa kabiri rw'igitangaza cyo gucungurwa. Yesu kristo yazutse mu bapfuye kandi arimo gukomanga ku nzugi z'imitima yacu. Umwe mu nsigamigani nziza ziba muri Bibiliya, ushushanya Kristo wazutse muzima arimo gukomanga ku nzugi z'imitima yacu. Atubwira ko tugomba gukingura imitima yacu maze tukamutumira akinjira maze tukagirana ubusabane bwimbitse na we. Muri uyu mubano, Yesu Kristo ni "Umukwe" natwe turi "Abageni". (Matayo 25:1-13, Yohana 3:29, Ibyahishuwe 21:2; 22:17)

Igitabo cya Rusi ni umugani wimbitse ugaragaza uku kuri. Uku kuri ni ko nita "GUSABA UMUBANO BIRI MU KINDI CYEREKEZO". Mu mico myinshi, umugabo ni we uhitamo umugore akaba ari na we umusaba ko

bashakana. Amategeko yo gucungurwa akoreshwa muri iyi nkuru nziza y'urukundo yavugaga ko Rusi ari we wagombaga kujya gusaba Bowazi ko babana.

Ibyo ni ukuri no mu gucungurwa kwacu. Icyo Bowazi yagombaga gukora, kwari ukwereka Rusi ko yamukundaga kandi ko yashakaga kumucungura. Ariko Rusi yagombaga kuvuga atya: "Ndashaka wowe Bowazi ko umbera umucunguzi."

Ni muri ubwo buryo jye nawe tugomba kubwira Kristo wazutse, mu gihe ahagaze ku rugi rw'ubuzima bwacu, akomanga yihanganye tuti: "Ndashaka ko umbera umuncunguzi! Ndashaka ko ungura binyuze mu rupfu rwawe rwo ku musaraba, kandi ndashaka ko ungarura mu muryango w'Imana ushyiraho umubano wimbitse hagati yanjye nawe."

Mu gihe dusoma igitabo cya Rusi, hari irindi jambo ryiza rya bibiliya tugomba kwibandaho. Iryo jambo ni "Ubuntu". Imyaka mike nyuma yo gushakana, Imana yahaye Bowazi na Rusi umwana w'umuhungu bise Obedi. Obedi yaje kuba sekuru wa Dawidi, bikaba byarashyize Rusi na Bowazi mu bisekuruza byo mu maraso bya Yesu kristo. Amazina yabo uzayasanga mu bisekuruza bya Mesiya mu gice cya mbere cy'ubutumwa bwiza bwa Matayo.

Tekereza Rusi arimo guhaha mu isoko n'agahungu ke maze akabona bamwe mu bakozi yari yarahuye nabo mu mirima ya Bowazi! Reka tuvuge ko bamubwira batya: "Ni ukuri wamenye uko wabona Bowazi? Nk'umukristo wamaramaje, ese uribaza Rusi asobanura ko yari afite buri kintu cyose cyasabwaga kugirango abone urukundo n'ubuntu by'Imana, umunyamahangakazi nka we, wari waravuzwe mu mategeko yo guhumba no gucungurwa?

Nanone itegereze uburyo Nawomi agaragaza umwigisha mwiza twatumwe kuba. Nawomi ni we wabwiye Rusi aya mategeko yo guhumba no

gucungurwa. Ni Nawomi wateye ishyaka Rusi ryo gusaba Bowazi kumubera umucunguzi.

Ese waracunguwe? Ese waguzwe n'amaraso ya Yesu Kristo? Ese wagaruwe ku Mana kubera ko ufitanye umubano na Yesu kristo? Ese wowe ku giti cyawe wigeze usaba Yesu Kristo kukubera umucunguzi?

Yesu kristo arashaka kutubera umucunguzi. Yahindutse umuntu. Yesu kristo ahagaze ku rugi rw'umutima wawe ubu nonaha. Arashaka kuba umucunguzi wawe. Ugomba kubimusaba ku giti cyawe. Iryo niryo shyirwa mu ngiro ry'ingenzi cyane ry'uku gusaba gucungurwa.

Igice cya 7

Ubwami bw'Imana

Mu dutabo duto dushize, twize ibitabo bitatu bya mbere by'amateka byo mu Isezerano rya Kera (Yosuwa, Abacamanza na Rusi),bikaba binazwi nk'ibitabo by'imigani y'amateka ku bw'ingero n'imbuzi bitanga. Iyo tugeze kuri 1Samweli, tuba dutangiye icyiciro gikurikira cy'ibitabo by'Amateka, bizwi nk'ibitabo byanditsemo amateka y'ubwami." Iki cyiciro kirimo 1&2 Samweli, 1&2 Abami ndetse na 1&2 Ngoma. Ibi bitabo byose ni "Inyandiko z'ubwami" kubera ko bitubwira ku bwami bw'Imana. Ahubwo hari Bibiliya zimwe zivuga ko 1&2Samweli ari 1&2Abami hanyuma 1&2 Abami bakaba 3&4 Abami. Ibitabo by'Ingoma bisubiramo ibyo bihe bimwe by'amateka yibanda k'ukuntu Imana yabonye icyo gihe cy'amateka y'Abaheburayo.

Ihame ry'ubwami bw'Imana ni yo nsanganyamatsiko nyamukuru y'ibi bitabo-kandi ibi bitabo bidufasha gusobanukirwa iri hame ry'ingenzi iyo dusomye Isezerano Rishya, cyane cyane inyigisho za Yesu. Noneho reka dufate umwanya turebe icyo ubwami bw'Imana bwari buvuze mu bihe byo mu Isezerano rya Kera ndetse n'uburyo byari ingenzi cyane mu nyigisho za kristo.

Agatabo #3: Abacamanza- II Samuel

UBWAMI BW'IMANA MU ISEZERANO RYA KERA

Hakurikijwe ubushake bw'Imana, ubona abisirayeli bari bayobowe na Mose. Uwiteka yashakaga ko babaho bayobowe n'Imana. Icyo Imana yari ikeneye mu bwami nk'ubwo cyari umuhanuzi/umutambyi nka Mose(Nyuma, Samweli). Igihe Mose yingingiraga ubwokon bwabo ku Mana, Yari umutambyi(reba urugero, kubara11:1-2; 21:7). Igihe Mose yamanukaga ku musozi sinayi afite amagambo Imana yamubwiye kubwira abantu, yari umuhanuzi(reba kuva20-24). Ipfa kuba yari ifite umuntu nka Mose, Imana yashoboraga kuyobora abantu inyuze muri uwo muyobozi. Uyu mutambyi/muhanuzi yashobora kuba umuyoboro w'ubushake bw'Imana maze Imana ikabasha kuyobora ubwoko bw'Imana. Uwo ni wo wari wari umugambi w'Imana ku buyobozi bw'ubwoko bwayo bwatoranyijwe.

Muri Samweli wa mbere, samweli samweli yari umuhanuzi-umutambyi. Ariko Samweli amaze gusaza Abisirayeli babona ko abahungu be batari bafite ubunyangamugayo nk'ubwa se, babwira Samweli ko nabo bashaka umwami n'ibindi bihugu(Isamweli 8:1-5). Ababaye cyane, samweli asenga Imana imubwira ko Atari we banze ahubwo bari banze Imana. Mu by'ukuri ubu bwoko bwari bwanze Imana, bushaka umwami wabo. Nuko Imana ibwira Samweli iti: "Niba bashaka abami tuzabaha abami babo!"(6-22)

Ibi bidufungurira ihame ry'ubwami bw'Imana. Ubwami abantu bashakaga bwari ubwami bw'Isi ch bw'igihugu bayobora ubwoko runaka. Kugirango ibyo bikore, Imana yari ikeneye umwami uzayumvira kandi yari ikeneye abatambyi bazajya baza mu kubaho kwayo ahagarariye abo bantu. Yari ikeneye kandi abahanuxi bari kuzajya bayivugira babwira abantu n'abayobozi bayo.

Umwami wa mbere Imana yahaye abana b'Isirayeli yari Sawuli, akaba yarimitswe na samweli(1samweli 9). Ikibabaje, Sawuli

yagaragaje kutumvira, ntiyari afite umutima wo gukora ubushake bw'Imana nyuma y'imyaka runaka, samweli yagombye kuwira Sawuli ko Imana yamwanze ko akomeza kuba umwami wa Isirayeli (igice vya 15) Nkuko tuzabibona m nzandiko zose z'ubwami, Imana yakomeje gukorana n'muhanuzi-umutambyi mu bihe by'abami. Iyo umwami atakoraga ubushake bw'Imana, umuhanuzi-umutambyi yaramuhamagaraga afit ijambo ry'Imana. Kenshi yamubwiraga atya: "ushatse wakora icyo Imana ikubwira gukora, bitaba ibyo, wowe n'abaturage bose muzahura n'ibibazo bikomeye.

Iyo Samweli atumviraga Imana, Samweli, wari waragize amahirwe yo kwimika umwami wa mbere wa Isirayeli, yategetswe n'Imana gukuraho umwami wa mbere wa Isirayeli. Imana iyobora Samweli kwimikira Dawidi imbere ya sawuli, akaba yari afite umutima umeze nk'uko Imana ishaka kandi wari bukore ubushake bwose bw'Imana. (Igice 16, reba n'ibyakozwe n'intumwa 13:22) Dawidi ni we wabaye umwami mwiza cyane Isirayeli yigeze kugira. Imana yabashaga kumukoreraho, kubera ko yumviraga Imana. Ntiyari atunganye nk'uko tuzabibona, ariko umutima we wari woroheje kandi ugandukira Uwiteka.

Umwami wakurikiyeho yabaye umuhungu wa Dawidi ariwe Salomo. Uwa mbere, Salomo yagaragaye nk'umugabo Imana yakoresha. Yasengeye ubwenge bwo kuyoborana ubwoko bw'Imana ubutabera, Imana ikaba yarabumuhaye inamuha ubutunzi n'icyubahiro (1Abami 3:5-14).

Salomo yubatse urusengero rw'Uwiteka ise Dawidi yari yararose kuzubaka (Reba 1Imigani 22). Ku bw'amakuba Salomo aganzwa n'irari rye arongora abagore Magana arindwi n'inshoreke Magana atatu! Aba bagore baramyaga ibigirwamana maze Salomo afatanya na bo muri iyo mihango ya gipagani.(1Abami 11:1-8) Icyaha cya Dawidi

cyari icyaha gikomeye cyane nk'uko tuzabibona. Ariko, icyaha cya Salomon i cyo cyazaniye ubu bwoko bwatoranijwe ingaruka mbi cyane. Umuhungu wa Salomo ari we Rehobowamu ni we wakurikiye Salomo nk'umwami wa kane wa Isirayeli (11:9-13).

Nyuma ya Salomo, Isirayeli yabaye ubwami bugabanijemo ibice. Imiryango icumi yagiye mu majyaruguru maze biyita Isirayeli. Ibiri isigara mu majyepfo (Yuda na Benyamini), maze biyida ubuyuda. Abami benshi bavugwa muri ibi bitabo by'amateka by'Abami ba 1 n'abami 2 ndetse no mu Ngoma. Ubwami bwo mu majyaruguru ntibwigeze bugira n'umwami umwe umwiza. Abanyasiriya babagome babi cyane batavugwa bafashe ubwami bw'amajyaruguru maze batwara ya miryango icumi ho iminyago. Ntibongeye kumwa ukundi. Ubuyuda bwafashweho umunyago na Babuloni aho batuye mu gihe cy'imyaka irindwi. Igihe Peresi yafataga Babuloni Imana yayoboye umutegetsi mushya ari we kuro, gutanga iteka ry'uko buri muyuda wese ushaka yasubira iwabo bakubaka urusengero rw'Uwiteka. Reba Ingoma 36:22-23; Ezira1).

Ibi bitabo bivuga ku mateka y'ubwami byagucanganyikisha kandi ugomba kuba ufite umwete mwinshi kugirango ubisome, ariko iteka hari ibyo wagumana mu gihe wibanze kuri aya mahame arindwi y'ingenzi y'amateka y'Abaheburayo:

1. Ubwami bwunze ubumwe (bwari buyobowe na Sawuli, Dawidi na Salomo)
2. Ubwami bugabanijemo ibice.
3. Ifatwa ry'Ubwami bw'Amajyaruguru n'abanyasiriya: Isirayeli
4. Ukwaguka kw'ubwami bw'amajyaruguru.
5. Ifatwa ry'ubwami bw'amajyepfo n'abanyababuloni: ubuyuda.
6. Ifatwa rya Babuloni n'Abaperesi.
7. Kuva mu bunyage bw'Abaperesi.

Noneho, tubishyize mu mpine, mu isezerano rya kera ubwami bw'Imana bwari buhari. Ni ubwami bwakoreraga mu buryo bufatika aho Imana yari iganje, kandi Imana yo ubwayo yashakaga kuba umutegetsi wenyine ku bwoko runaka ahantu runaka no mugihe runaka cy'amateka. Nubwo byabaye bityo, abantu banze Imana nk'umwami wabo maze basaba abami, ari bo babonye. Ese umusaruro wavuyemo ni uwuhe? Amakuba.

Ndibuka umukobwa utari warigeze usoma bibiliya mbere. Yari umuntu w'umunyedini ukomeye mu mutwe, Dore icyo yavuze kuri iki gice cy'ibyanditswe: "sindigera nsoma ikintu kibi. Mu buzima bwanjye nk'ibi. Iyo ataba umwuka Wera, nta kintu nari bwumve muri ibi bitabo. Biteye ubwoba! Mwibuke ko Imana itigeze ishaka ko ubwoko bwayo bugira aba bami ndetse n'ingaruka ziva mu kubagira. Uwiteka si we wabateje ibi byose dusoma muri izi nyandiko z'ubwami ahubwo abami nib o babiteje, kubera ko hafi ya bose bari babi. N'abaturage n'abo babigizemo uruhare kuko bashatse bakanahitamo abo bami. Ntuzigere wibagirwa icyo mu gihe usoma ibi bitabo by'ubwami.

UBWAMI BW'IMANA MU ISEZERANO RISHYA

Ibitabo bivuga ku bwami bitanga ubusobanuro bwimbitse bw'umwandiko budufasha gusobanukirwa ukuri k'ubwami bw'Imana mu Isezerano rishya. Mu buryo bwa'amateka nyuma y'uko Abayuda basubira iwabo kongera kubaka urusengero rwabo n'umugi wabo, babaye mu gicecetse cy'imyaka Magana ane nyuma y'uko Nehemiya n'umuhanuzi Malaki bapfuye. Imana ntiyongeye kubavugisha mu buryo bw'ihishurirwa ridasanzwe kugeza mu gihe cy'izeserano Rishya.

Icyo gihe Abayuda bari barongeye gufatwa. Ubu noneho uwari wari warabafashe yari umwami w'Abaroma. Icyo gice kivuga ku mateka y'Abaheburayo gitangira ubwo Yohana

umubatiza wa Yesu Kristo Mesiya bakuyeho uguceceka kw'imyaka Magana ane babwiriza ubutumwa bw'Imana. Ese ubutumwa bwabo bwari ubuhe? Inkuru nziza y'Ubwami bw'Imana!

Yesu yavugaga ko Atari arimo kubwiriza iby'umwani bw'isi, bw'igihugu runaka, kubera ko ubwo bwami abantu bari barabwanze kera. Ahubwo, yashakaga ko abantu bamenya ko Imana yashakaga ko abantu bamenya ko Imana yashakaga kongera kuba umwami wabo ariko ubu bikaba ku rwego rw'umuntu ku giti cye. Muri ubu bwo, ubwami bw'Imana bwari bube muri bo (Luka 17:20-21). Ese usobanukiwe icyo ibi bivuga? Umugabo wese, umugore, umuhungu umukobwa wiyeguriye Imana akayisaba kuzamura ibendera ryayo mu mutima we yatura atya: "Ndabashaka ko uba umwami wanjye kandi nanjye nshaka kuba uwo uyobora," umeze utya aba yinjiye mu bwami bw'Imana!

Yesu yavuganye n'umwigisha witwaga nikodemu amubwira ko atavutse ubwa kabiri atabona ubwami bw'Imana. Nk'uko Yesu abivuga, abantu bavutse ubwa kabiri bonyine nibo bagira amaso yo kubona ko Imana ishaka kuba umwami wabo (Yohano 3:3-5; 1Abakorinto 12:3), kandi mu gihe babonye ubwo bwami, banabwinjiramo.

Twumva cyane ibyerekeye kuvuga ubwa kabiri, n'ibindi nka byo. Ariko muri uyu mwandiko, insanganyamatsiko y'ibanze si ukuvuka bundi bushya, ahubwo ni ubwami bw'Imana. Kuvuka ubwa kabiri sibyo bya nyuma ahubwo ni inzira ituma tugera ku ntego ya nyuma, kandi iyo ntego ya nyuma ni Ubwami bw'Imana.

Ese uribuka indangagaciro Yesu yavuze mu kibwirizwa cyo ku musizi? Ni iki yavuze kigomba kuba icy'ingenzi cyane mu buzima bwacu kubanza gushaka ubwami bw'Imana: "Mubanze mushake ubwami bw'Imana no

gukiranuka kwayo, ibindi byose muzabyongererwa.”(Matayo 6:33)

Hashingiwe ku kuntu ukoresha umwanya wawe, amafaranga, imbaraga zawe, ni ibihe by’ibanze mu buzima bwawe? Intego yo kuvuka ubwa kabiri ni ukutazana mu bwami bw’Imana aho itegeka ubuzima bwacu. Shushanya iby’ibanze byawe ubizungurutse uruziga rw’umutuku hagati maze wongere uzengurutse urwo ruziga rw’umutuku izindi nziga icumi. Dukurikije Yesu uko avuga, ubwami bw’Imana ndetse n’Ibindi byibanze byacu bizagaragazwa n’uburyo nyakuri dukora ibyo. Amasengesho yacu kandi akeneye kugaragaza icyo Yesu yatwigishije: “Data, uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe ubwami bwawe buze. Ibyo ushaka bibe kw’isi nkuko biba mw’ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none…”(Matayo 6:9-11).

Itegereze iki, mbere y’uko Yesu atubwira gusenga ngo, “Aduhe”, inshuro eshatu yatubwiye gishyira Imana imbere. Yatubwiye gusenga gutya: “Mana, ubwami bwawe, izina ryawe, ubushake bwawe. Icyo nicyo cya mbere mu by’ibanze byanjye.” Twakora ibintu mu buryo bwacu, nk’uko Abisirayeli babikoze, ariko mu gihe tubikoze, tugomba kuba twiteguye guhura n’ingaruka nyinshi zizanwa no kwishyura imbere ndetse n’ibyacu imbere.

Iki ni ikintu tugomba kuzirikana mu gihe urimo kwiga ku bwami bw’Imana muri ibi bitabo by’amateka bivuga ku bwami nusobanukirwa uku kuri mu Isezerano rya Kera, bizaguturikana n’ihishurirwa uku kuri mu isezerano Rishya! Wibuke ko intego yo kuvuka ubwa kabiri ari ukureba no kwinjira mu bwami bw’Imana. Ese wari wabubona? Wari wabwinjiramo? Wari wavuka ubwa kabiri?

IGICE CYA 8

UMUGISHA WO KUBABARIRA.

Agatabo #3: Abacamanza- II Samuel

Imwe mu ntego mfite kuri iyi nyigisho ya Bibiliya mu ijambo rimwe ni ugusanisha. Ndashaka kubereka uburyo ibitabo byo muri Bibiliya bigirana isano cyangwa ubumwe bwa Bibiliya. Nk'urugero, nyuma yo kwiga ibitabo by'amateka, iyo ugeze ku bahanuzi, ubona ko ufite ubusobanuro bwimbitse bw'amateka bakanapfiramo. Izi nyandiko zivuga ku mateka kandi biguha ubushobozi bwo gusobanukirwa kimwe mu bitabo bikomeye cyiza muri Bibiliya, ari cyo Zaburi cyane cyane Zaburi ya Dawidi.

Umutima wa Dawidi muri Zaburi

Zaburi za Dawidi na 2Samweli 11-18 birahura mu buryo bwiza cyane. Muri zaburi yanditswe muri iki gihe cy'ubuzima bwe, tugera aho dusobanukirwa ugukomera kwa Dawidi, nubwo ubu aribwo mu buzima bwe yaguye mu buryo bw'indangagaciro no mu mwuka.

Zaburi 3

Igihe Dawidi yahungiraga mu butayu ahunga Abasalomu, umugabo witwaga shimeyi yaramuvumye (2Samweli 16:5-8). Ingabo ya Dawidi ivuga itya: "kuki iyi mwa ipfuye yavuma umwami wanjye? Reka musange maze muc igihanga,"(9)ariko Dawidi aramusubiza ati: "mureke amvume, kuko Imana yamubwiye (kumvuma)"(11).

Dawidi avuye i Yerusalemu, yandika Zaburi ya 3, itangira itya: "Uwiteka, erega abanzi banjye baragwiriye! Abangomeye ni benshi. Benshi baramvuga bati, nta gakiza afite ku Mana."(2-3). Ibyo nibyo shimeyi yavugaga ubwo yavumaga Dawidi akanamutera amabuye. Ariko Dawidi yaranditse ati (kandi aha ni ho yagaragarije ko yari umugabo w'Imana) ariko wowe Uwiteka, uri ingabo inkingira, uri icyubahiro cyanjye, ni wowe ushyira hejuru umutwe. Ijwi ryanjye ritakira uwiteka, na we akansubiza ku musozi we wera. (3-4)

Dawidi yasubije amaso inyuma, abona ibitangaza bifatika amasengesho yasubijwe mu nzira ye. Ibi rero byamuteye imbaraga bimuha no kwizera Imana muri ibyo bihe yarimo ndetse n'ahazaza he.

Dawidi yasubije amaso inyuma, abona ibitangaza bifatika amasengesho yasubijwe mu nzira ye. Ibi rero byamuteye imbaraga bimuha no kwizera Imana muri ibyo bihe yarimo ndetse n'ahazaza he.

Zaburi ya 4

Zaburi ya kane nayo igaragagara muri iki gihe cy'ubuzima bwa Dawidi. Atubwira ko niba ikirere cy'amarangamutima yacu kigizwe no guhangayika bikadutera kutaryama, bishobora kuba biterwa n'uko tugomba kugira icyemezo dufata gisaba gukora ibintu byiza bikwiriye. Hagati mu ijoro ubwo atashoboraga gusinzira, yafashe umwanzuro mu mutima we wo "gutamba ibitambo bizima no kwiringira Uwiteka"(5). Icyamusunikiraga gukora ibyiza cyari uko yari akijijwe n'abantu n'abantu barimo gushaka umuntu wakora ibizima, Atari igikwiriye. Iyo babibonye, bakabona n'ikiguzi dutanga kugirango dukore icyiza, baheshwa umugisha mu buryo bukomeye maze bagahindukira Imana kubera ibyo babona.

Zaburi ya 23

Muri Zaburi ya 23:3, Dawidi yavuze ati: "Asubiza integer mu bugingo bwanjye." Iyo Imana yaturyamishije maze tukamenya ko turi intama maze yo ikaba umwungeri wacu, turongero tukabyuka, Ariko iyo twiyimitse tukigira umwungeri, ubwo bwatsi bubisi buruma, ayo mazi adasuma azamo imihengeri ndetse n'icyo gikombe gisakara kiruma. Iyo twibagiwe uwo mwungeri ari we n'uwo intama ari we, tuba dukeneye gusubizwamo integer.

Ni gute Imana idusubizamo intege? Ikora mu buryo bufatika. Dore uko Dawidi yabivuze. "Anyobora inzira yo gukoranuka ku bw'izina

rye.”(36) ububyutse ntaho buhuriye no kujya imbere mu rusengero witabye ubutumire. Biruta gusenga ku gicaniro Imana iravuga itya: “Umva, ko nshaka kugusubizamo intege.

Ngwino unyure mu nzira yo gukiranuka mu gihe cy’imyaka itari mike. Maze mu gihe ugendera mu nzira zo gukiranuka, izo nzira zizasubiza integer mu bugingo bwawe.”

Ibyo ni byo tubona biba mu buzima bwa Dawidi muri 2 Samweli 11-18. Dawidi yari yariyeguriye Imana maze avuga atya: “Ndaje ngendere mu nzira zo gukiranuka ku bw’izina ryawe.” Dawidi amaze kwemera impanuro y’Imana ndtse amaze no guhura n’ingaruka zose zatewe n’icyaha cye mu kugendera mu nzira yo gukiranuka, Imana yasannye umutima wa Dawidi.

Dawidi yabaye umwami mu gihe cy’imyaka mirongo ine- imyaka cumi n’itandatu mbere y’uko acumura n’imyaka makumyabiri nine nyuma y’uko Imana isana umutima we n’ubwami bwe. Ariko uko gusanwa kwaje ari uko Dawidi anyuze mu nzira yo gukiranuka yatura icyaha cye, acyihana ndetse akiyemezabgukurikira inzira y’Imana.

Ese wowe ku giti cyawe ukeneye kwatura no kwihana nyakuri. Mu yandi magambo, uzi uko batsindwa mu buryo bw’ubutsinzi? Mu rukundo rwose n’ukuri ndakubwira ko utazigera umenya umugisha wo kubabarirwa kugeza ubwo uzakurikiza urugero rwa Dawidi maze ukaturira Imana ibyaha byawe. Wibuke ko kwatura bivuze kuvuga rumwe n’icyo Imana ivuga ku cyaha cyawe. Ndagushishikariza gusoma zaburi za 32, 51,55,23, maze ureke amagabo ya Dawidi ayobore kwatura kwawe. Maze nka we, uzabona umugisha wo kubabarira ku bintu by’Imana.

KURIRIMBA INDIRIMBO ZO KUBABARIRWA

Ese wari wigera wibaza uti: “Ni gute namenya ko ibyaha byanjye byababariwe?” bamwe bavuga ko ubimenya kubera ko Bibiliya ibivuga: “Bibiliya irabivuga, ndabyizera, ibyo biratunganye.” Ariko hari ubundi buryo ushobora kumenya ko ibyaha byawe byababariwe: Iyo Imana ikuyeho kwicara urubanza mu mutima wawe.

Muri iki gihe abavuzi benshi bahana n’ikibazo cyo kwicira urubanza mu bundi buryo bavuga batya: “Ntihagombye kubaho kwicira urubanza kuko nta cyiza n’ikibi bibaho. Ntacyo utahagombye gukora. Ntacyo utagomba gukora. Kwicira urubanza ni iby’abana, kubera ko abana nibo bareka abantu kubabwira icyiza n’ikibi. Ntuzemerere umuntu uwo ari wese ko akubwira ko ibyo urimo gukora Atari byo.” Ntangazwa n’abantu benshi bagerageza gukemura ikibazo cyabo cyo kwicira urubanza muri ubwo buryo.

Ibitandukanye n’ibyo Dawidi yavuze atya: “Mfite ikibazo cyo gucirwaho urubanza kuko ncirwaho urubanza. Mfite ikibazo cyo gucirwa urubanza kuko ncirwaho urubanza. Mfite ikibazo cyo gucirwa urubanza kubera ko ncumuye.” Igisubizo cy’Imana cyo gucirwa urubanza kwacu ni ukwatura ko ducirwa urubanza ko twacumuye. Tugaragaza ko dusobanukiwe kandi ko twizeye igisubizo cy’Imana ku kibazo cyo gucirwa urubanza iyo dutambye ibitambo byo gukiranuka bigaragaza kwihana no kwatura kwacu maze tukiringira Iman yacu. Maze, hanyuma tukabona umugisha wo kubabarirwa, kubera ko ubwo gucirwa urubanza kwacu kuba gukuweho.

Zaburi ya 51 si ukwatura kw’icyaha kwa Dawidi gusa, ahubwo biduha irembo ry’aho twarebera gukomera k’uyu mugabo. Muri Zaburi ya 51, itegerezemo ibintu byinshi. Icya mbere Dawidi yasenze Imana ayibwira isoko y’icyaha cye ati: “Ni ukuri ukeneye

ukuri guturutse imbere, unyigishe ubwenge ahantu h'imbere."(6) Mu gusubiza uko gusaba, Imana yahaye Dawidi ihishirwa maze arandika ati: "ibyaha byanjye biri imbere yanjye iteka… dore naremanywe gukiranirwa, mu byahe ni mo mama yambyariye."(36,7)

Hanyuma witegereze ukwinginga gukomeye kwa Dawidi: "Ndemamo umutima ukeye Mwami, umpe umutima utunganye mri jye."(10) Ijambo kurema muri uyu murongo ni rya jambo ry'igiheburayo "bara" risobanuye 1, rikongera rigakoreshwa incuro eshatu gusa mu Itangiriro 1, rikongera rigakoreshwa hano muri Zaburi ya 51:10, aho bivuze ko Dawidi yari arimo gusenga atya: "Nta kintu ufite cyo gukorana nacyo. Ndagusaba ko wakora ikintu mu busa. Gira icyo ushyira muri jye imbere kitari gihari ubwo narukaga. Ugomba gukora igitangaza cyo kurema muri jye imbere. Ubwo ni bwo buryo bwonyine nagiramo ibyiringiro byo kubaho ubuzima buguhesha icyubahiro."

Igisubizo kuri iryo sengashoni cyo Isezerano Rishya ryita "kuvuka ubwa kabiri."

Yesu yaravuze ati: "Ikibyarwa n'umubiri na cyo mubiri, n'ikibyarwa n'umwuka cyo ni umwuka. Witangazwa n'uko nkubwiye yuko bibakwiriye kubyarwa ubwa kabiri."-cyangwa, ukeneye ikindi gikoma cy'irema mu mutima wawe (Yohana 3:6-7).

Intumwa zitaga kuvuka ubwa kabiri "irema umuntu wese iyo ari muri kristo Yesu abaa ari icyaremwe gishya."(2Abakorinto 5:17). Hari icyo Imana iba yaremye mu mutima w'umugabo cyangwa umugore wamaze kuvuka ubwa kabiri. Dawidi yari aite igitekerezo cyubuhanuzi igihe yasengaga iri sengesho imyaka ibihumbi mbere y'uko Yesu avuga atya: "ugomba kuvuka ubwa kabiri"

Nanone itegereze ibihumbi Dawidi gushaka uku gusubizwamo integer: "unsubizemo kunezezwa n'agakiza kawe urikomereshe

umutima wemera. Nibwo nzigisha inzira yawe abacumura, abanyabyaha baguhindukirire.”(Zaburi 51:12-13). Dawidi yakundaga Ijambo ry’Imana, yakundaga kuribwiriza, kuryigisha ku Muremyi w’iryo Jambo nk’uko yabikoze kenshi mu bihe byashize.

Maze amaherezo, witegereze igitekerezo kidasanzwe Dawidi yagaragaje ku musozo w’iyi Zaburi ue: “Ni uko utishimira ibitambo mba mbiguhaye. Ntunezezwa ibitambo byokeje.(18) ese wibuka igihe wibuka igihe twigaga uhema ry’ibonaniro maze bakaritamba nk’igitambo cy’ibyaha byabo: Ubwoko bw’itungo cyangwa umubare w’amatungo waterwaga ku rwego rw’ibyaha by’umuntu ndetse n’uburyo umuntu yari ahagaze mu butunzi.

Dawidi yamenye ko Atari gushobora kujyana amashyo y’amatungo mu ihema ry’ibonaniro, ariko kandi yamenye ko Imana itabishakaga. Mu magambo menshi cyane, Dawidi yaravuze ati: “Icyo sicyo ushaka Mana. Ukeneye impinduka mu muntu wanjye w’imbere. Ukeneye umutima ukumenekeye kandi ukeneye umutima wicuza. Ijambo kwicuza bivuze “kwihana cyane icyaha.” Dawidi yaravuze ati: “Icyo ushaka Mana.”

Nuko rero asenga atya: “unshenjagure imbere muri jye. Unkize imbere muri jye. Undememo ikintu imbere muri jye, kitari kirimo igihe navukaga mu mubiri, ubwo ni bwo nzabaho ubuzima bakuduhisha.”

Reka nongere mvuge iki, niba nacumuye ukaba utazi uburyo wakwatura icyaha cyawe, niba ukeneye gusubizwamo integer mu bugingo bwawe ukaba utanazi uburyo wabona uko gusanwa, soma zaburi ya 51. Reka iyi zaburi ibe isengesho ryawe ryo kwatura no kwihana uzaba ukoze umurimo mwiza wo kwatura no kwihana ibyaha byawe rubikora.

IGICE CYA 12

Agatabo #3: Abacamanza- II Samuel

AMAHAME ATATU Y'ICYAHA N'AMAHAME ATATU Y'AGAKIZA

Ndashaka kongeraho ikindi gice ni kimwe ku nsanganyamatsiko y'icyaha cya Dawidi. Ushobora gutekereza ko ndimo kubishimangira cyane, ariko ni ukubera ko n'ibyanditswe ubwabyo bishimangira icyaha cya Dawidi. Tugomba kugerageza gushishura impamvu Imana yashyize umwanya hagati ya 2 samweli n'icyaha cya Dawidi kugirango tubashe kugira kugira amasomo mu mwuka Imana ishaka ko twiga ku cyaha maze tugishyira mu bikorwa ayo masomo mu gihe ducumuye.

Amasomo y'inyongera ku cyaha

Rimwe mu masomo cy'ingenzi cyane twafata muri iyi nkuru y'icyaha cya Dawidi ni uburyo yahanyebn'ikibazo cyo kwicira urubanza mu mutima. Nagirango ngire urugero mbaha.

Ubwonko bw'umuntu bugira ibice bibiri: igice cy'ibitekerezo bizima n'igice cy'ibitekerezo bitari bizima. Twese dukirana n'amakimbirane hagati y'ibitekerezo Mu gice cy'ibitekerezo bizima, tuba dufite ibitekerezo. Mu gice cy'ibitekerezo bizima, tuba dufite ibitekerezo byiza, bireka ibyiza nka: "Uwiteka ni we mwungeri wanjye, sinzatinya, mfite ibyiringiro bikomeye mu mwungeri wanjye." Kandi kenshi, mu masegomda mirongo itatu akurikira, dutangira guhangayika. Muri ibyo tuvanamo kuribwa mu gifu n'ibindi. Ntitugomba guhangayika kuko Imana ari umwungeri wacu.

Ariko tubirengaho tugahangayika. Ariko se ni gute twakemura aya makimbirane y'ibitekerezo?

Twubaka urukuta hagati y'ubwonko bwacu maze tukagabanya amakimbirane yibitekerezo mu byumba bibiri. Mu cyumba kimwe tukagira kwizera maze tukavuga tuti: "Umwami ni we

mwungeri wanjye.” Iyo tuvuze ibyo, ntitureka ngo twibuke ko turibwa mu nda kuberako turimo guhangayika. Mu kindi cyumba, tugahangayika kandi ntitureka twibuka ko dufite kwizera!

Ibyanditswe bitubwira kutabika amakimbirane ahubwo kuyakemura. Abaganga bemeranya n’ibyo, ariko akenshi bagira ubundi buryo butandukanye n’ubu bwo kubikemura. Uburyo bwabo bwo mu isi bwo kubikemura ni ukurebera ko nta ndangagaciro mbi n’inziza bikirana, n’imyifatire yabo. Ariko, ibyanditswe bitwigisha ko habaho icyiza n’ikibi. Niba dufite urwego twashyizeho rw’ubunyangamugayo no gukora ibyiza kubera ko twizera koko mu ndangagaciro z’ibibi n’ibyiza n’ubuzima bwacu buagirana amakimbirane n’iyo ndangagaciro y’ubunyangamugayo, tuba twitera uburwayi.

Ibyanditswe bitubwira gukemura amakimbirane yacu muri ubu buryo. Kuva itabaza ry’umubiri ari ijisho, niba tureba cyangwa dutekereza ariko Imana ishaka ko biba, maze tiukabaho dukurikije uko tureba ibintu, umubiri wacu wose wakuzura urumuri. (Soma Matayo 6:22) Mu yandi magambo dukemura amakimbirane yacu iyo twitwaye nk’uko twiteza.

Dawidi atubwira ko dukemura ikibazo cyacu cyo gucirwa urubanza mu mutima iyo tumenye urwego w’Imana rw’ikiri icyiza n’ikibi, n’ubwo urwo rwego rutwemeza ko turi abanyabyaha ndetse rukatwemeza ibyaha byacu. Iyo twatuye ibyaha byacu, Imana isubiza intege mu bugingo bwacu. Ubwo ni bumwe mu buryo bw’ingenzi cyane bwo gushyira mu bikorwa twakura muri iyi nkuru y’icyaha cya Dawidi.

Amahame Atatu y’Icyaha

Irindi shyira mu ngiro ry’iki gice cy’ubuzima bubi bwa Dawidi ni uko icyaha kigira ingaruka mbi cyane. Muri 2 Samuweli

11-18, Dawidi yagezweho n'ingaruka mbi cyane z'ibyo yakoze. Inkuru ye igaragaza ukuri gutatu ku cyaha n'ukuri gutatu ku gakiza. Reka tubanze turebe ku ruhande rw'icyaha.

Icyaha Kigira Igihano

Ukuri kwa mbere, icyaha kigira igihano. Iteka icyaha kiganisha ku gihano kizaza mu gihe cy'imbere no ku gihano cya ubu. Ni cyo cyatumye Imana ividura ijuru maze ikohereza Yesu Kristo muri iyi si. Uburyo bwonyine twakura igihano kizaza cy'icyaha (gehenomu) ku buzima bwacu ni uko twakwizera urupfu rwa Yesu Kristo rwo kumusaraba. (Soma Yohana 3:16)

Icyakora, gatatu kuri gatanu by'igihe ibyanditswe bivuga ijambo agakiza, ntabwo biba bivuga gukizwa igihano kizaza cy'ibyaha ahubwo biba bivuga gukurwaho kw'igihano cy'ubu cy'ibyaha. Urgero, dukizwa igihano cy'ubuzima bwakoreshejwe nabi. Yesu avuga kurimbuka cyangwa umuriro utazima, yakoresheje ijambo Gehenomu. Gehenomu yari icukiro rinini cyane ry'imyanda ryari hanze y'umurwa wa Yerusalemu aho "*Urunyo rwabo rudapfa kandi umuriro ntuzime*." (Mariko 9:44) Iyo abantu batekerezaga Gehenomu, batekerezaga gushya. Yesu yigishije ko gushya ari kimwe mu bintu bizaba muri mu kurimbuka.

Ikindi gihano cy'icyaha cya none ni ububata. Abantu ntabwo bakora icyo bashaka gukora; abantu bakora icyo bategekwa gukora, icyo bahatwa gukora. Abantu n'ibitutu n'ingenso Bibiliya yita icyaha. Agakiza kabohora abantu muri ubwo bubata bw'icyaha. (Soma Yohana 8:30-35; Matayo 1:21)

Imbaraga z'Icyaha

Icya kabiri, icyaha kigira imbaraga nyinshi. Nemera ko inkuru ya Dawidi yose

irimo kutubwira icyo Pawulo yanditse mu 1 Abakorinto 10:12, ahagira hati, "*Nuko rero uwibwira ko ahagaze, yirinde atagwa*." Mu murongo ukurikiraho, Pawulo yandika ko "*Ikigeragezo ari urusange mu bantu*." Niba umugabo nka Dawidi yamanurwa cyangwa yagushwa n'imbaraga z'icyaha, turi ba nde kuburyo twakwibwira ko twanesha icyaha? Ntuzigere usuzugura imbaraga z'icyaha.

Ikiguzi cy'Icyaha

Icya gatatu, icyaha gifite ikiguzi kinini cyane. Pawulo atubwira ngo, *"kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu." (Abaroma 6:23)* Pawulo ntabwo yavugaga urupfu rusanzwe gusa ahubwo yavugaga n'ingaruka- umuti urura cyane umunyabyaha agomba kunywa. Icyaha kigira inkovu za cyo n'ibizinga bya cyo kandi zimwe mu nkovu na bimwe mu bizinga by'icyaha ntabwo byakurwaho, bizahoraho.

Ukuri Gutatu kw'Agakiza

Nk'uko veruru yirabura ikoreshwa n'umucuzi kumurkiraho amabuye y'agaciro ya diyama, igihano cy'icyaha kirabura, imbaraga, n'ikiguzi cy'icyaha ni byo bituma ukuri gutatu kw'agakiza kurabagirana cyane.

Yesu Yahishuye Igihano cy'Icyaha

Mbere na mbere, Yesu Kristo yakuyeho igihano cy'icyaha. Ibyanditswe byita ibi "Ubutumwa bwiza" cyangwa "Inkuru Nziza." Yesu yabwiye Nikodemu mu magambo menshi ati, "Ni jye Mwana w'ikinege w'Imana, ni jye gisubizo cy'Imana cyonyine, ni jye Mukiza watanzwe n'Imana jyenyine.

Data nta kindi gisubizo afite cyangwa undi Mukiza." (Soma Yohana 3:14-18) Iyo wumvise icyo Yesu yavugaga by'ukuri, umenya ko yahinduye ubusa andi madini yose. Ni ukwizera Yesu cyangwa ntumwizere. Iri ni rimwe mu magambo ya tewologiya akomeye cyane Yesu yavuze.

Agatabo #3: Abacamanza- II Samuel

Umwuka Wera yanesha Imbaraga z'Icyaha

Icya kabiri, Umwuka Wera ashobora gukura imbaraga z'icyaha mu buzima bwawe n'ubwanjye. Intumwa Yohana aratubwira muri 1 Yohana 4:4 ati, "*Uri muri mwe aruta uri mu b'isi.*" Icyiyongeye ku mbaraga z'Imana, nta mbaraga ku isi ziruta imbaraga z'icyaha, imbaraga z'ikibi, n'imbaraga za Satani. Ariko inkuru nziza ni uko imbaraga z'Imana ziruta imbaraga za Satani, imbaraga z'ikibi n'imbaraga z'icyaha! Intumwa Pawulo avuga ko iyo twakiriye ubuntu bw'Imana, tuba abatsinzi no kurushaho dutsinda imbaraga z'icyaha ziri mu buzima bwacu (Soma Abaroma 8:37-39)

Gukiranurwa Bidukuraho Icyaha imbere Yayo

Ukuri kwa gatatu kw'agakiza hari ukuntu kuruhije, kuko gufitanye isano n'ibizinga by'icyaha, n'inkovu z'icyaha, n'ikiguzi cy'icyaha. Imbere y'Imana, n'ibizinga by'ibyaha bitwzwaho no kubabarirwa. Nk'uko Dawidi yanditse muri imwe muri Zaburi ze ati, "nk'uko aho izuba rirasira hitaruye aho rirengera, Uko ni ko yajyanye kure yacu ibicumuro byacu." (Zaburi 103:12; Mika 7:19) Ijambo gukiranurwa ni rimwe mu magambo meza cyane yo muri Bibiliya. Risobanuye ko iyo twatuye kandi tukihana ibyaha byacu, ku Mana bisa nk'aho ari nta cyaha twigeze! Ntabwo tukibabarirwa ibyaha byacu gusa; Ntabwo dukurwaho icyaha gusa; ahubwo kiragenda. Umera nk'aho utigeze ukora icyaha.

Ariko gukiranurwa kuz amu bice bibiri. Hari ubwo ibizinga by'icyaha n'inkovu z'icyaha bitakurwa ku muntu. Iyo umuntu akoze icyaha cyo kwica nyuma akihana agakizwa, imbere y'Imana asa nutigeze acumura cyangwa akora icyaha cyo kwica. Ariko se kuba yarizeye Yesu agakizwa bisobanuye ko atazahanwa hano ku isi? Oya. Haba hari ingaruka z'icyaha yakoze zigomba kumugeraho.

Hari umunsi nigeze guhamagarwa mu rugo rw'umugabo wari ufite imyaka mirongo inani n'itatu y'ubukuru. Yari yarakijijwe afite imyaka mirongo inani n'ibiri, kandi n'ibintu bidasanzwe. Nyuma yo gukizwa kwe, kandi yari amaramaje, umugore we yarampamagaye maze arambwira ati, "Ndagusaba ko uza ukavugisha umugabo wanjye. Nta kindi asigaye akora, uretse kwicara akarira gusa, kandi ntavuge ikibazo afite." Nuko ndahaguruka njya kumureba. Nyuma ashoboye kugabanya amarangamutima, aravuga ati, "Abana banjye! Abana banjye! Abana banjye!" Maze ndamubaza nti, "Abana bawe babaye iki?" Maze ambwira uburyo bubi yafashe abana be. Babiri muri bo bari mu bitaro by'uburyayi bwo mu mutwe, kandi dushingiye ku byo yavuze, niwe wari warangije ubuzima bwabo. Uyu mubyeyi yari yakijijwe by'ukuri kandi imbere y'Imana bizinga, nta bihano n'inkovu yari afite. Ariko inkovu n'ibizinga by'abana be byari bigihari. Hari ibintu tutasiba. Ikiguzi cy'icyaha ni kinini cyane, kandi n'inkovu ntizakurwaho. Ni cyo cyatumye Intumwa Yohana yandika mu rwandiko rwe rwa mbere ati: "*Mbandikiye ibyo kugira ngo mudakora icyaha*." (1 Yohana 2:1) n'ibintu bibi cyane kugaragariza cyangwa kubwira urubyiruko ko icyaha ari cyiza cyangwa ko kiryoha. Nta cyiza cy'icyaha cyangwa ingaruka za cyo! Nibyo koko, Imana igaragaza ubuntu bwa yo iyo twitwaye mu ngaruka z'icyaha nk'uko Dawidi yabigenje. Imana ikiza ibisebe n'inkovu z'ibyaha nyinshi. Ariko hari ibizinga n'inkovu zitajya zitasibwa cyangwa ngo zikurweho. Niyo mpamvu ibyanditswe bivuga ngo ibyiza ni ukudacumura. "Ntukongere gukora icyaha." (Yohana 8:11) Ntukemerere umuntu n'umwe kwereka cyangwa kubwira umwana wawe ko icyaha ari cyiza kandi ko ari nta kibazo cyo kubaho mu buzima bw'ibyaha maze nyuma ugakizwa ubuzima bw'ibyaha. Icyiza ni ukudacumura.

Agatabo #3: Abacamanza- II Samuel

Hari icyaha cyiganje mu bantu biyita abigishwa ba Yesu Kristo muri iki gihe. Imana irashaka ko twese, binyuze mu nkuru y'icyaha cya Dawidi, twakumva ayo magambo ya Yesu Kristo agira ati: "*Genda ntukongere gukora icyaha*."